MENYA AMAHIRWE MENYA INYENYERI YAWE NI IYIHE? KAZE NEZA MU BUMENYI BW'INYENYERI N'IBIJYANYE NAZO.

INYENYERI Z'AMAHIRWE.

NI IZIHE NYENYERI Z'AMAHIRWE?

NI INYENYERI CUMI N'EBYIRI ZIRI MU KIRERE, ZIMENYEKANISHWA N'IMIGENDERE Y'IZUBA UKO RIGENDA RYIMUKA MU GIHE CY'UMWAKA WOSE.

IZO NYENYERI ZASHYIRIWEHO AMAZINA NI BIRANGO BIZIRANGA.

URUGERO: INYENYERI YA THAURI

N'INYENYERI YA SARATWANI

INYENYERI Y'INYARE

INYENYERI YA SCORPIO N'IZINDI.

MURI IKI GIHE IBIKORWA BIJYANYE NI NYENYERI USANGA BYAMAMAYE MU BINYAMAKURU, NAZA TV NDETSE NO KU IMBUGA NKORANYAMBAGA.

AKENSHI BIBA BIFITE UMUTWE W'AMAGAMBO UGIRA UTI: MENYA AMAHIRWE YAWE UYU MUNSI.

MENYA AMAHIRWE YAWE MURI ICYI CYUMWERU, KUNDA KUMENYA AMAHIRWE YAWE, N’IZINDI MVUGO ZITANDUKANYE ZAMAMAZA IBYO USHOBORA KUBONA BITARIHO.

GUKORA MU IBIJYANYE N’INYENYERI BIRIMO IBICE BIBIRI:

IGICE CYA MBERE: NI IGICE CY’UBUHAKANYI BUKURU.

IGIHE UKORESHA IZO NYENYERI, YIRINGIRA KO IZO NYENYERI UBWAZO ZIMENYEKANISHA IBYIHISHE.

CYANGWA SE AKEMEZA IBYO IZO NYENYERI ZAGARAGAJE MU BYIHISHE.

CYANGWA AKEMEZA IBYO IBYIHISHE ABAKORANA N’INYENYERI BAVUZE.

IBYO RERO BYITWA UBUHAKANYI BUKURU KUBERA KO WITIRIYE UBUMENYI BW’IBYIHISHE IKINDI KITARI IMANA NYAGASANI.

IGICE CYA KABIRI: NI IGICE CYAZIRIRIJWE KANDI CY’UBUHAKANYI BUTOYA, BUSHOBORA KUKUGEZA K’UBUHAKANYI BUKURU.

IBYO BIBAHO IGIHE: UKORANYE NI NYENYERI ARIKO NTIWEMERE KO UBWAZO ZIMENYEKANISHA IBYIHISHE, ARIKO UKEMERA KO ZO ARI IMPAMVU YO KUGERA KU IBYIHISHE ZIGARAGAZA MU BIHE BYAZO.

CYANGWA AGAKORANA NAZO NTA KINDI ASHAKA AHUBWO ARI UKUGERAGEZA KUREBA UKURI KWIBYO ZEREKANA.